**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'IBIDUKIKIJE**
**IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE UBUMENYI BW'IKIRERE**

B P: 898, Kigali, Rwanda, Website: www.meteorwanda.gov.rw
Toll free :6080

# AKANYAMAKURU K'IMIHINDAGURIKIRE Y'IKIRERE No 8, KAGENEWE ABAHINZI-BOROZI IGICE CYA MBERE UKUBOZA (1-10) 2019

**Cyasohotse ku itariki ya 12 Ukuboza, 2019**

## Iriburiro

Mu minsi icumi y'igice cya mbere, Ukuboza kuva tariki ya 1 kugeza tariki ya 10, ibice bimwe na bimwe by'intara y'Amajyepfo n'iy'Iburengerazuba habonye imvura nyinshi kurusha ahandi mu gihugu, aho ku bupimiro bwa Nyamagabe hapimwe imvura ingana na milimetero 201 naho ku bupimiro bwa Bugarama hagapimwa ingana na (172.3mm), Rusizi (141.6mm) naho kubupimiro bwa Byimana hapimwa ( 123.2mm), ahabonetse imvura nke ni kubupimiro bwa Nyagatare ingana na (20.1mm) no ku bupimiro bwa Kawangire (35.6mm) mu ntara y'Iburasirazuba.

Ibipimo by'ubushyuhe ni nk'ibisanzwe ntibyahindutse cyane. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru cyari hagati ya dogere Selisiyus (29.6°C ) mu Bugarama na (20.4 °C) i Gicumbi naho igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi cyari hagati ya dogere Selisiyusi (12.7°C ) ku bupimiro bwa Busogo muri Musanze na 19.3°C ku bupimiro bwa Bugarama muri Rusizi.


## 1.0. Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, umubare w'iminsi imvura yaguyemo n'ubuhehere bw'ubutaka mu minsi icumi y'igice cya mbere cy'Ukuboza 2019.

### 1.1. Ingano y'imvura yaguye

Ishusho ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi igice cya mbere cy'Ukuboza 2019. Igiteranyo cy'imvura mu minsi icumi cyari hagati ya milimetero 201 na milimetero 20.1. Imvura nyinshi yaguye ku bupimiro bwa Nyamagabe (201mm), ahandi haguye imvura nyinshi ni ku bupimiro bwa Bugarama (172.3mm), Rusizi (141.6mm), Byimana(123.2) no ku bupimiro bwa Rubengera (103.4). Ubupimiro bwa Nyagatare na Kawangire bwapimye imvura iri munsi ya milimetero 40, ahandi hasigaye haguye imvura iri murugero.


Mu mubice by'intara y' Amajyepfo n' Uburengerazuba niho haguye imvura nyinshi kurusha ahandi.




***Ishusho1: Imvura yaguye mu gice cya mbere cy'ukwezi k'Ukuboza 2019***

### 1.2 Imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya mbere cy'Ukuboza

Ufatiye ku bipimo by'igihe kirere, ishusho ya kabiri iratwereka imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya mbere cy'Ukuboza. Ubusanzwe iki igice cy'Ugushyingo kigusha imvura iri hagati ya milimetero 56.9 na 22.4; bivuze ko imvura yabaye nyinshi cyane mu gice cya mbere cy'Ukuboza 2019 ahenshi mu gihugu uretse ku bupimiro bwa Nyagatare babonye imvura nke ugereranyije n'isanzwe ihagwa.





***Ishusho 2: Imvura isanzwe igwa mu gice cya mbere cy'ukwezi k' Ukuboza***

### 1.3.Umubare w' iminsi imvura yaguyemo


Ishusho ya 3 iragaragaza umubare w'iminsi imvura yaguyemo, mu y'igice cya mbere mu kwezi kw'Ukuboza 2019. Muri rusange imvura yabonetse hagati y'iminsi itanu n'iminsi icumi (5-10) nubwo ahenshi mugihugu imvura yaguye yabonetse hagati yiminsi 6 n'iminsi 8. Iminsi mike yabaye 5 ku bupimiro bwa Kigali na Kawangire naho

iminsi myinshi iri hagati 7 na 10 yabonetse kubupimiro bwa Nyamagabe, Rubengera no kubupimiro bwa Gicumbi.




*Ishusho 3: Umubare w'iminsiy'imvura yaguyemo*

### 1.4. Ubuhehere bw'Ubutaka




*Ishusho 4: Ubuhehere bw'ubutaka*

Ishusho ya 4 iragaragaza ko muri rusange ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka muri iyi minsi icumi y'igice cya mbere cy'Ukuboza 2019 bwiyongereye bitewe n'ibihe by'imvura nyinshi byaranze iyi minsi.


Ariko nanone turateganya ko ubuhehere buzongera kwiyongera mu gice cya kabiri cy'ukuboza hagati ya tariki 11 na 20 , bitewe n'uko hateganyijwe ukwiyongera kw'imvura muri iki gice cy'ukwezi.

## 2.0. Uko igipimo cy'ubushyuhe bwapimwe

Aha turareba muri rusange igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

### 2.1 Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru


Ishusho ya 5 ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe tubona, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari mu kigereranyo gisanzwe , mu majyaruguru y'Uburasirazuba, mu mujyi wa Kigali ndetse n'igice kinini cy'Uburengerazuba cyane cyane mu Majyepfo yaho niho hashyuha kurusha ahandi mugihugu naho mu Majyaruguru akaba ariho hakonje ugereranyije n'ahandi. Ibipimo by'ubushyuhe byari hagati ya dogere Selisiyus 25.5 na 20.1 ahenshi mugihugu; Bugarama ikaba yarashyushye cyane kuko yapimye dogere selisiyusi 29.6 naho Nyagatare ipima 26.0 $^{0}$C




*Ishusho ya 5: Ubushyuhe bwo hejuru*

## 2.1. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ishusho ya gatandatu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga. Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya Dogere Selisiyusi 12.7 (Ibusogo) na Dogere Selisiyusi 19.3 (Bugarama). Amajyaruguru niyo yakonje cyane akurikirwa n'Amajyepfo.




*Ishusho ya 6: Ubushyuhe bwo hasi*

## 3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi ikurikiye (tariki 11-20 Ukuboza 2019)

### 3.1 Ikirere giteganyijwe

Bitewe n'ihuriro ry'imiyaga ishyushye ituruka mu majyaruguru ya Afurika ihura n'imiyaga ikonje ituruka mu majyepfo ya Afurika riherereye mu Karere u Rwanda ruherereyemo ndetse n'imiyagara ituruka munyanja y'abahinde ihura n'ituruka mu mashyamba ya Congo, mu Rwanda hateganyijwe imvura iringaniye ishobora no kuba nyinshi mu bice by'Amajyepfo, Uburengerazuba ndetse n'Amajyaruguru. Naho Uburasirazuba ndetse n'umujyi wa Kigali hateganyijwe imvura iringaniye.

### 3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi

Dushingiye ku bipimo bigaragaza ukwiyongera kw'imvura mu gice cya kabiri cy'Ukuboza 2019 ( tariki 11-20), abahinzi barashishikarizwa kwegera abashinzwe ubuhinzi (abagoronome) kugirango babagire inama mu bijyanye n'imirimo yabo y'ubuhinzi n'uko babungabunga ibihingwa ngo badatakaza umusaruro mugihe cyo gusarura. Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.